Umwemeramana w'umunyembaraga niwe mwiza kandi akunzwe na Allah kuruta umwemeramana w'umunyantege ncye, ariko bombi ni beza

Hadith yaturutse kwa Abu Hurayrat (Imana imwishimire) yaravuze ati: Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yaravuze iti: "Umwemeramana w'umunyembaraga niwe mwiza kandi akunzwe na Allah kuruta umwemeramana w'umunyantege ncye, ariko bombi ni beza ; haranira gukora ibigufitiye akamaro, kandi ujye usaba Allah ubufasha cyane ntugacike intege. Kandi nihagira ikikubaho ntuzavuge uti: Iyo nza kubikora byari kugenda uku n'uku, ahubwo ujye uvuga uti: Ibi ni igeno rya Allah, kandi ibyo ashatse nibyo biba, kubera ko iryo ijambo (Iyo) ni intangiriro y'ibikorwa bya Shitani."
[Hadithi y'impamo] [Yakiriwe na Muslim]

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iragaragaza ko umwemeramana wese ari mwiza, ariko umwemeramana ufite imabraga mu kwemera kwe, mu migambi ye, mu mitungo ye ndetse n'ibindi bituma agira imbaraga ari we mwiza kandi ukunzwe imbere ya Allah Nyir'ubutagatifu kuruta umunyantege nke. Hanyuma Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) irangije igira inama umwemeramana yo gukora ibyamugirira umumaro mu buzima bwe bwo muri iyi si, ndetse n'ubwo ku munsi w'imperuka. Hamwe no kwiringira Allah Nyir'ubutagatifu, no kumusaba inkunga, no kumwiringira wenyine. Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) irangije ibuza kugira ubunebwe, no gucika intege, no kugenda gahora mu gukora ibifitiye umuntu akamaro hano ku isi no ku munsi w'imperuka. Bityo iyo umwemeramana agize umuhate mu gukora ibikorwa, no gukora impamvu, no gusaba Allah inkunga ndetse n'ibindi byiza; nyuma yaho rero nta kindi aba asabwa usibye ko ibye byose abiharira Allah, kandi akamenya ko ibyo Allah amuhitiyemo ari byo byiza. Bityo iyo agezweho n'ibyago, nta kavuge ati: "Iyo mbigenza gutya, byari kugenda gutya..." Kubera ko ijambo (Iyo) ryugururira amarembo Shitani, kugira ngo umuntu ahinyuze igeno rya Allah, cyangwa se aterwe agahinda n'ibyamutambutseho, ahubwo aba akwiye kuvuga ati: Ibi ni igeno rya Allah, kandi ibyo ashatse ni byo biba." Bityo ibibaho biba bihuye n'ubushake bwa Allah, kubera ko ari we ukora ibyo ashatse, kandi ntawahinyura ugushaka kwe, ndetse nta n'uwavuguruza itegeko rye.

http://www.sunnah.global/hadeeth/rw/show/5493